

IBIKORWA BINYURANYE BIZIBANDWAHO MURI IKI GIHEMBWE CY'IHINGA HARIMO:

Gukomeza ubukangurambaga kunzeho zose ku iyamamazabuhinzi, hegerwa abahinzi: Abahinzi barashishikarizwa kwibumbira mu matsinda binyuze muri gahunda y'iyamamazabuhizi ya "Twigire Muhinzi" kugirango biborohere kugezwaho inyongeramusaruro, inyigisho z'ubuhinzi n'amakuru akenewe yatuma umusaruro urushaho kwiyongera.

Kongeraubusobuhingwahahuzwaubutakubihingwabyatoranijwe: Hashyirwa imbaraga muri gahunda yo guhuza ubutaka no gukurikirana ibikorwa byo kwemeza ubuso bugomba guhingwa muri gahunda y'imbatubukungu mu buhinzi (CIP) binyuze mu nama z'amatsinda n'inama z'abahinzi kurwego rw'umudugudu, hategurwa ubutaka buzahingwa. Hazibandwa kubihingwa byatoranijwe ariko hanahingwe n'ibindi bihingwa byunganira abaturage murigahunda yokurwanya imiriremibi nk'imboga n'imbuto.

Kuzamura igipimo cy'ikoreshwa ry'inyongeramusaruro cyane cyane imbuto nziza n'amafubire: Leta izakomeza kunganira abahinzi ku mbuto n'ifumbire, aho ibihingwa byunganirwa ku ifumbire byiyongereyeho ibishyamba n'imyumbati, naho ku biyanyane n'imbuto abahinzi bazunganirwa ku mbuto y'ibigori, ingano na soya.

Abahinzi bakazajya nabo bagira uruhare ku kiguzi cy'imbuto n'ifumbire, aho ku mbuto bazajya bishyura hagati ya 15 na 25% by'ikiguzi cy'imbuto na Leta igatanga hagati ya 75 na 85% ku mbuto ziva hanze y'igihugu cyane cyane ibigori n'ingano, no hagati ya 41 na 60% ku mbuto zituburirwa mu Gihugu.

Kurwanya ubusharire bw'ubutaka mu Turere dutanga umusaruro muke: Muri iki gihe, hari umwihariko wo gutangiza gahunda y'ikoreshwa ry'ishwagara nk'imwe mu ngamba zo kongera umusaruro cyane cyane mu turere dufite ubusharire bw'ubutaka mu Ntara y'i Burengerazuba n'iy'Amajepfo aho Leta izatanga nkunganire ya 50% ku muhinzi mu Turere twa Nyaruguru, Nyamagabe, Nyamasheke na Karongi. Uturere turakomeza kwihutisha itangwa ry'amasoko y'ishwagara ndetse no kuyegereza abahinzi.

Kubyaza umusaruro ubutaka bwose budahinze: Gushyira imbaraga muri gahunda yo guhingwa amaterasi adahinze no kuyafumbira aho agaragara hose mu gihugu. Ni ngombwa gushyiramo ishwanaga, ifumbire y'imborera kugirango ayo materasi azatange umusaruro kandi abahinzi bakangurirwe kuyafata neza kugirango arwanye isuri.

Gushyira ingufu mu bikorwa byo kurwanya indwara n'ibyonnyi mu buryo bukomatanyije (IPM): Dufatanyirize hamwe guhashya indwara n'ibyonnyi kandi aho byagaragaye bimenyekanishwe vuba.

Guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirerere cyane cyane hitabwa ku bikorwa byo gufata amazi no kuhira imyaka: Ibikorwa byo kuhira imyaka ku buso bunini, buto ndetse n'ubuciritse bizakomeza cyane cyane mu turere tutagira imvura nyinshi.

Abahinzi barashishikarizwa kwibumbira mu mashyirahamwe ajyanye no kuhira imyaka kugira ngo habeho gusaranganya no gukoresha neza amazi;



Gushishikariza abahinzi kwitabira kuhira imyaka igihe cyose ari ngombwa n'aho bikenewe no kubungabunga ibikorwa-remezo byo kwuhira imyaka aho biri.

By'umwihariko, hari ubutaka bwo mu bishanga, mu bibaya n'imisozi imwe n'imwe bwakuhirwa bugatanga umusaruro utubutse watuma abaturage babona ibibatunga mu ngo n'amasoko. Abahinzi barakangurirwa gukomeza kubyaza umusaruro ibishanga byatunganyijwe ku bufatanye na Leta, basana ibikorwa remezo birimo kandi banasibura imiyoboro y'amazi. Barasabwa kandi kwibanda ku bihingwa bitanga umusaruro mwinshi kandi bizana amafaranga vuba.

Kwigisha abahinzi kuba abanyamwuga: Abahinzi bagakorana n'ibigo by'imari ndetse n'ibigo by'ubwishingizi kandi bakegerezwa "serivisi" z'iyamamazabuhinzi zibafasha kongera ubumenyi, harimo n'urubuga rwa interineti rw'iyamamazabuhinzi "Noza ubuhinzi n'Ubworozi" rwa MINAGRI (www.nozubu.minagri.gov.rw).

IBYO INZEGO ZITANDUKANYE ZISABWA

Abayobozi b'inzego z'ibanze barasabwa gukangurira abahinzi gutegura ubutaka no gutera ku gihe kugirango umusaruro uzabe mwinshi. Ku bufatanye bwa MINAGRI na MINALOC, hashyizweho amatsinda y'abakozi nibura 3 kuri buri Karere bunganira abakozi n'abagorome basanzwe mu nzego z'ibanze mu gukurikirana umunsi ku munsi igihembwe cy'ihinga.

Ibigo by'imari birasabwa gufasha abacuruzi b'inyongeramusaruro kubona ubushobozi bwo kuzigira kandi inzego z'ibanze zikegera abo bacuruzi kugirango abahinzi bazibone ku gihe.

Inzego z'ibanze n'iz'umutekano zizafasha gukurikirana imicungire myiza y'inyongeramusaruro kugira ngo zigere ku bahinzi uko bikwiriye.

Abayobozi bo mu nzego nkuru z'igihugu bazafasha gutangiza igihembwe cy'ihinga aho bazifatanya n'abahinzi hiryana no hino mu Turere kandi Abayobozi b'Uturere bakagaragaza aho ibyo bikorwa bizabera n'amatariki.

Ukeneye ibindi bisobanuro wabariza kuri telefoni zikurikira:

4675 : RAB 4127 : MINAGRI





Kongera Umusaruro w'Ibihingwa




Muri gahunda y'imbatubukungu mu buhinzi (CIP), Leta irashishikariza abahinzi guhingwa ibihingwa bitanga umusaruro mwinshi mu rwego rwo kwihaza ku biribwa, kurwanya inzara no kongera umutungo w'umuryango. Ibihingwa byatoranijwe muri iyi gahunda ni ibigori, ibishyamba, ingano, umuceri, soya, imyumbati, ibirayi n'urutoki. Mu rwego rwo kongera umusaruro ku buso buto (productivity) hari ibintu by'ingenzi umuhinzi wese asabwa kwitaho no gushyiramo imbaraga:




- Gufata neza ubutaka, harwanwa isuri no gufata amazi y'imvura;
- Gutegura umurima: kurima, gusanza, kuvamo urwiri n'ibindi byatsi bibi;
- Gukoresha ifumbire y'imborera iboze neza n'ifumbire mvaruganda;
- Gukoresha ishwanaga ku butaka bufite ubusharire buri hejuru;
- Gukoresha imbuto nziza z'indobanure;
- Guterera igihe kandi hubahirizwa intera n'ibipimo byagenwe kuri buri gihingwa (Spacing);
- Gufata neza ibihingwa mu murima (Kubagara, gusukira, kurwanya indwara n'ibyonnyi by'ibihingwa);
- Gusimburanya ibihingwa mu murima;
- Gusura kenshi umurima no gukurikirana igihingwa mu murima (Inspection);
- Gusarura neza kandi ku gihe.

Umusaruro ku buso (productivity) ubarwa hagendewe ku musaruro mbumbe webonetse ku buso runaka, ukabwirirwa kuri hegitari (intambwe ijana ku ijana).

IBIGOMBWA KWITABWAHO BY'UMWIHARIKO KURI BURI GIHINGWA

Igihingwa	Umwihariko waburi gihingwa	Umusaruro twifuza kugeraho Mt/Ha
	<ul style="list-style-type: none"> - Gutegura umurima: (Kurima bwa mbere havanwamo urwiri n' ibyatsi bibi. Guhinga bwa kabiri (Gutabira/gusanza); - Gukoresha imbuto nziza z'indobanure (hybrid) zitanga umusaruro mwinshi kuri hegitari, toni 9-10/ha mu misozi miremire na toni 7-8/ha mu misozi migufi n'ibibaya; - Gutera imbuto ku mirongo: Haterwa kg 25/ha, Bashyira intete ebyiri muri buri mwobo, kuri cm 3 z'ubujyakuzimu. - Kubahiriza intera ya cm 40 (intambwe ebyiri z'ikiganza) hagati y'umwobo n'uwundi iri ku murongo umwe, na cm 80 (intambwe enye z'ikiganza) hagati y'umurongo n'undi; - Gukoresha ifumbire y'imborera iboze neza ingana na kg 100 kuri ari imwe; - Gukoresha ifumbire ya DAP : kg1 kuri ari imwe mu gihe cyo gutera na g 500 bya ire (Urea) mu gihe cyo kubagara bwa kabiri; - Kubagara: Bwa mbere igihe ibigori bifite nibura cm 10 z'uburebure (ni ukuvuga iminsi 30 nyuma y'itera). - Kubagara bwa kabiri: Ibigori bigeze kuri cm 30-40 z'uburebure (ni ukuvuga iminsi 45 kugera kuri 60 nyuma y'itera). - Kurwanya indwara n'ibyonnyi: Kwita ku murima, kuwusura nibura kabiri mu cyumweru; gusimburanya ibigori n'ibindi bihinga byo mu bwoko bw'ibinyamisogwe; kubahiriza inama zose abahinzi bagirwa n'abashinzwe iyamamazabuhinzi. 	9-10 Mt/Ha
	<p>Ku bishyimbo bigufi</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutegura umurima: kurima bwa mbere havanwamo urwiri n'ibindi byatsi bibi, guhinga bwa kabiri(Gutabira/gusanza) - Gukoresha imbuto nziza z'indobanure : Haterwa g 600 kuri ari imwe, bashyira intete ebyiri muri buri mwobo; - Kubahiriza intera ya cm 20 (intambwe imwe y'ikiganza) hagati y'umwobo n'uwundi biri ku murongo umwe, na cm 40 (intambwe ebyiri z'ikiganza) hagati y'imirongo ibiri; - Gukoresha ifumbire y'imborera iboze neza: kg 100 kuri ari imwe; - Gukoresha DAP: kg 1 kuri ari imwe; - Gukoresha ishwaraga : kg 25 kuri ari imwe, ishyirwamo ibyumweru 2 mbere yo gutera ahantu hari ubutaka busharira. <p>Ku bishyimbo bishingirira</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha imbuto nziza z'indobanure g 500 kuri ari imwe, gutera intete ebyiri muri buri mwobo. - Gukoresha ifumbire y'imborera iboze neza: kg 100 kuri ari imwe n'ifumbire ya DAP: kg 1 kuri ari; - Gutera ku murongo hubahirizwa intera. Batera kuri cm 50 (intambwe ebyiri n'igice z'ikiganza) hagati y'umurongo n'undi na cm 20 (intambwe imwe y'ikiganza) hagati y'utwobo tubiri. Gutera intete 2 muri buri mwobo, ku bujyakuzimu bwa cm 5; - Gukoresha ishwaraga ku butaka busharira: kg 25 kuri ari; - Gufata neza umurima: Kubagara no gusukira nibura igihe ibishyimbo bifite amababi ane, gushingirira nyuma yo gusukira, ukoresha umuhembezo umwe ku bishyimbo bine. Umuhembezo ugomba nibura kuba ureshya na metero 2; - Kurwanya indwara n'ibyonnyi, kwita ku murima; gusimburanya ibishyimbo n'ibinyampeke, kubahiriza inama zose abahinzi bagirwa n'abashinzwe iyamamazabuhinzi. 	2.5 Mt/Ha 4.6 Mt/Ha

Igihingwa	Umwihariko waburi gihingwa	Umusaruro twifuza kugeraho Mt/Ha
	<ul style="list-style-type: none"> - Gutegura umurima: Kurima bwa mbere havanwamo urwiri n'ibindi byatsi bibi, guhinga bwa kabiri(Gutabira/gusanza); - Gukoresha ishwaraga ku butaka busharira: kg 25 kuri ari imwe; - Gufumbiza imborera: kg 100 by'ifumbire y'imborera iboze neza na DAP: kg 1 kuri ari mu gihe cyo gutera. Nyuma y'ibyumweru bitandatu bongeramo Ire (Urea) g 500 kuri ari imwe; - Gutera imbuto nziza z'indobanure: kg 1 kuri ari (kg 100/ha); - Gutera ku mirongo hubahirizwa intera igenwe: cm 20 (intambwe imwe y'ikiganza) hagati y'imirongo; - Gufata neza umurima: kubagara no gusukira bashyiraho agataka gake gake; - Kurwanya indwara n'ibyonnyi, kwita ku murima, kubahiriza inama zose abahinzi bagirwa n'abashinzwe iyamamazabuhinzi. 	6.0 Mt/Ha
	<ul style="list-style-type: none"> - Gutegura umurima: kurima bwa mbere havanwamo urwiri n'ibindi byatsi bibi, guhinga bwa kabiri(Gutabira/gusanza); - Gukoresha imbuto nziza z'indobanure: g700 kuri ari (kg70/ha). Hano hiyongeraho kuvanga Rizobiyumu (Rhizobium) ingana na g40 ku biro 2 by'imbuto; - Gukoresha ifumbire y'imborera: kg100 iboze neza, na kg 1 ya DAP mu gihe cyo gutera; - Gutera ku mirongo hubahirizwa intera: cm 40 (intambwe ebyiri z'ikiganza) hagati y'umurongo n'undi na cm 10 (igice cy'intambwe y'ikiganza) hagati y'umwobo n'undi, bagashyiramo intete 1 ku bujyakuzimu bwa cm 5; - Kubagara no gusukira soya ifite amababi byibura ane; - Kurwanya indwara n'ibyonnyi, gusura umurima nibura kabiri mu cyumweru, gusimburanya soya n'ibinyampeke, kubahiriza inama zose abahinzi bagirwa n'abashinzwe iyamamazabuhinzi. 	3.5 Mt/Ha
	<ul style="list-style-type: none"> - Guhitamo imbuto nziza uzakoresha itanga umusaruro mwinshi kandi mwiza; - Gutegura ubuhumbikiro: Batera g 500-1000 z'imbuto kuri ari imwe y'ubuhumbikiro; - Gutegura umurima: Kurima bwa mbere, gucoca amasinde, kuringaniza umugende umunsi umwe mbere yo gutera; - Gutera ingemwe (kugemura) ku ntera ya cm 30 (intambwe imwe n'igice y'ikiganza) hagati y'imirongo na cm 15 (hafi intambwe imwe y'ikiganza) hagati y'ingemwe. Batera ingemwe 22 k'umurongo, buri mwobo ukajyamo ingemwe 2, ibi bituma haza umucyo uhagije utuma azote yinjira mu butaka; - Gufumbira : Gushyiramo kg 2 za NPK mu gihe cyo kugemura; - Kongeramo ifumbire ya Ire (Urea) kg 1 kuri ari imwe umuceri utangiye guhagika, igashyirwamo kabiri cyangwa gatutu bitewe n'ibihe by'ibagara; - Gufata neza umuceri mu murima: Kubagara inshuro ebyiri kugera kuri eshatu, kuhira no gukamura amazi; - Kurwanya indwara n'ibyonnyi, kwita ku murima, kubahiriza inama zose abahinzi bagirwa n'abashinzwe iyamamazabuhinzi. 	9 Mt/Ha

Igihingwa	Umwihariko waburi gihingwa	Umusaruro twifuza kugeraho Mt/Ha
	<ul style="list-style-type: none"> - Gutegura umurima: kurima bwa mbere havanwamo urwiri n'ibindi byatsi bibi, guhinga bwa kabiri (Gutabira/gusanza); - Gutegura imbuto: imbuto igomba kuba ari nziza itarwaye, itoranijwe neza ku rugero rwiza kandi idatemyeho, batera kg 200-250 kuri ari imwe; - Gukoresha ishwaraga ku butaka busharira: kg 25 kuri ari imwe; - Gufumbira bakoresha kg 200 kuri ari imwe by'imborera iboze neza, bakongeramo ifumbire mvaruganda ya NPK kg 3 kuri ari imwe; - Gutera imbuto , batera ku bipimo byagenwe, cm 80 (intambwe enye z'ikiganza) hagati y'umurongo nundi, na cm 30 (intambwe imwe n'igice y'ikiganza) hagati y'umwobo nundi ku murongo, bashyira ikirayi kimwe mu mwobo, kigashyirwa byibura muri cm 8 z'ubujyakuzimu; - Kubagara/kuhira: babagara nibura nyuma y'iminsi 15 ibirayi bimaze kumera; - Gusukira/ kumenera: basukira ibirayi nibura hagati y'iminsi 30-45 ibirayi bimaze kumera, bakoresha kg 1.5 bya Ire (Urea) kuri ari imwe; - Kurwanya indwara n'ibyonnyi, kwita ku murima, kubahiriza inama zose abahinzi bagirwa n'abashinzwe iyamamazabuhinzi. 	40 Mt/Ha
	<ul style="list-style-type: none"> - Gutegura umurima: kurima bwa mbere havanwamo urwiri n'ibyatsi bibi, guhinga bwa kabiri(Gutabira/gusanza); - Gufumbira: Gushyiramo kg200 by'ifumbire y'imborera iboze neza kuri ari imwe, kongeramo kg3 bya NPK kuri ari imwe igashyirwa mu kaziga kazengurutse ingeri zamaze gufata neza; - Gutera ingeri zivuye mu murima wagenzuwe ko zitarwaye kandi itanga umusaruro mwinshi; - Haterwa ingeri ifite amaso umunani (8), atanu yinjizwa mu butaka, andi atatu agasigara hejuru. Kuri ari imwe hajyaho ingeri 100, batera ku ntera ingana na m 1 kuri m 1, bagashyira ingeri mu mwobo; - Gufata neza umurima w'imyumbati : kubagara nyuma y'Ukwezi bamaze gutera, gusukira imyumbati ifite cm 60 z'uburebure, kongera kubagara imyumbati ifite amezi atatu; - Kurwanya indwara n'ibyonnyi; gusura umurima (nibura kabiri mu cyumweru). Igihe hari igihingwa kigaragaje uburwayi, kigomba guhita kirandurwa kigatabwa mu mwobo kure y'umurima w'imyumbati, kubahiriza inama zose abahinzi bagirwa n'abashinzwe iyamamazabuhinzi. 	40 Mt/Ha
	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvugurura urutoki, Kurubagarira havanwamo ibyatsi no kurusasira; - Kwicira urutoki : Kugabanya imibyare, aha buri nsina igomba kugira umwana umwe n'umwuzukuru umwe; - Kubahiriza intera hagati y'insina n'iyindi : Intambwe 3 kugera kuri 4; - Gufumbira n'imborera iboze neza; - Guca umukanana : igihe amabere yose y'igitoki amaze gushokoka; - Kurwanya indwara n'ibyonnyi, kwita ku murima, kubahiriza inama zose abahinzi bagirwa n'abashinzwe iyamamazabuhinzi. 	35 Mt/Ha